IMYITEGURO YA FORUM Y'URUBYIRUKO IZABERA MURI DIYOSEZI GATOLIKA YA NYUNDO IRAKOMEJE

Muri Paruwasi ya NYUNDO, mu rwego rwo kwitegura Forum y'urubyiruko izabera muri Diyosezi yacu ya Nyundo, Padiri Védaste DUSABEYEZU ushinzwe urubyiruko yateguye imikino ihuza urubyiruko . Twababwira ko iyi Forum y'urubyiruko izahuza urubyiruko ruturuka mubigu bituranye n'Urwanda nka RDCongo,Burundi,Rwanda,Uganda,ndetse nahandi… ikazatangira tariki 06-10 Ukuboza 2017 ikabera muri Paruwasi ya MUHATO iherereye mu mugi wa Gisenyi muri Diyosezi Gatolika ya Nyundo.

Kuri icyi cyumweru tariki 03/09/2017 ahagana mu masaha ya saa 15h00',nibwo Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA,Umushumba wa Diyosezi Gatolika ya Nyundo yatangije umupira w'amaguru ku kibuga cya Nyundo.
Mbere yo gutangiza imikino Padiri Vedaste DUSABEYEZU ushinzwe urubyiruko yatangiye ashishikariza urubyiruko kwakira Nyiricyubahiro Musenyeri waje kwifatanya nabo kwitegura icyo gikorwa kibareba by'umwihariko.
Mu ijambo rye, Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet yasabye urubyiruko kwitegura kwakira bagenzi babo bazava mu bihugu bitandukanye neza. Yakomeje kandi abasaba kuba abajene bakeye ku mutima no ku mubiri ; ko kandi bagomba gukunda imikino kuko ibaha kwidagadura kandi bakomeza no kuba abakristu.
Yakomeje ababwira ko imyiteguro abaona bafite yatanga icyizere kuri buri wese ushaka kuza muri Forum ku Nyundo ko bazabakirana urugwiro n'urukundo.

Twabibutsa ko mu mikino ikinwa hari cyane umupira w'amaguru ukinwa mu rwego rwo guhuza za Centrale zigize Paruwasi ya Nyundo. Aho iyo mikino iba ku Cyumweru nyuma ya Missa. Hagakina Abahungu ukwabo n'Abakobwa

ukwabo. Abazatsinda bakazahembwa kandi bakazajya gukina n'ayandi ma Paruwasi.

Yashoje imikino ashimira buri wese ari abatsimze n'abatsinzwe. Yababwiye ko ishyaka n'imbaraga bafite batagomba kubikoresha nabi ahubwo ko bagomba kubikoresha biteza imbere bakaba abasore n'abakobwa batari abanebwe ahubwo baharanira gutegura ejo habo hazaza heza n'aha Kiliziya ibarera. Yashoje kandi ashimira Padiri Vedaste na Komite z'urubyiruko bafatanyije abasaba gukomeza kwitegura no kwizihiza Forum y'urubyiruko izabera muri Diyosezi yacu. Yarangije abaha umugisha.

Muri uwo mugoroba,Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA ,yakomereje mu Iseminari nto ya Mutagatifu Piyo wa Cumi ya Nyundo, asuhuza abaseminari bato n'Abarezi babo. Kuri uwo mugoroba kandi mu Iseminari hari igitaramo cyo gusezera kuri Padiri Straton NSHIMYUMUREMYI wabaga mu iseminari akaba yarahawe ubutumwa bwo kuba Umurezi muri Grand Séminaire Propédeutique de RUTONGO guhera uyu mwaka. Na Fratri Jean Népomuscène NIYONGOMBWA ushoje umwaka wa Stage Pastoral yakoreraga mu Iseminari nto ya Nyundo.

Mu ijambo rye yashimiye Padiri Straton uruhare yagize igihe yari agifite ubutumwa mu Iseminari bwo kuba Père Spirituel w'Abaseminari bato. Kuko Iseminari ariyo itegura kandi ikarera Abasaseridoti b'ejo hazaza ha Kiliziya

yacu yamusabye ko yakomeza naho agiye akarerera Kiliziya nk'uko yabihawemo ubutumwa. Yashimiye kandi Fratri NIYONGOMBWA, amubwirako umurimo yakoze ugomba kugira umusaruro. Amwifuriza amasomo meza ku ishuri.

Yashoje ijambo rye ashimira abarezi n'abaseminari ababwira ko umurimo unoze ari wo ugomba kubaranga, guhora ku isonga mu kwiga bagatsinda kandi bakaba abaseminari basenga ari cyo abifuzaho.

Abbé Jean Marie KWIZERA